

REPUBLIC OF RWANDA



COURT: HIGH COURT NYANZA

**ICYEMEZO CY'URUKIKO GITEGEKA UWIHISHE/UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2022, ukwezi kwa 2, umunsi wa 08;

Twebwe BAKUZAKUNDI Athanase, Perezida w'Urukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza, dufashijwe na DUKUZUMUREMYI Marie Goretti, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ubujurire DUSABE Emmanuel na UWASE Josiane batanze muri uru Rukiko buri wese ajuririra urubanza RP/ECON 00023/2021/TGI/MHG rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga kuwa 25/06/2021 rukanajuririrwa n'Ubushinjacyaha ku bashinjwa mu rubanza bose, maze mu Rukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza ubujurire bwa UWASE Josiane bwafashe numero CMB RPA/ECON 00051/2021/HC/NYZ bugahuzwa n'ubw'Ubushinjacyaha n'ubwa DUSABE Emmanuel bwahawe numero RPA/ECON 00049/2021/HC/NYZ abashinjwa muri uru rubanza bose ari KABANA Floribert, KABERUKA Abdul, Dr DUSABE Emmanuel, Dr NGABIRE ISHIMWE Eulade, UWASE Josiane, MUNYEMANA Abdallah baburana n'Ubushinjacyaha;

Tumaze kubona ko mu iburanisha ryo kuwa 03/02/2022 Urukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza rwahamagaye ababuranyi mu rubanza maze rugasanga Dr NGABIRE ISHIMWE Eulade atitabye Urukiko kandi no ku rwego rwa mbere yarahamagajwe nk'uwatorotse ubutabera ariko ntaboneke ngo yitabire iburanisha, uyu Dr NGABIRE ISHIMWE Eulade akaba ari mwene BIZIMANA Jean Baptiste na MUKARUSINE, yavutse mu mwaka wa 1983, akaba yarabarizwaga mu Mudugudu wa Gaseke, Akagari ka Rango, Umurenge wa Mukura, Akarere ka Huye, Intara y'Amajyepfo ho muri Repubulika y'u Rwanda, akaba yari umuganga; maze Urukiko rugafata icyemezo cyo





kumuhamagaza nk'uwihishe ubutabera nk'uko ari nako byari byakozwe mu mu rubanza rwajuririwe rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga;


Dushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 160 n'ya 161 z'itegeko n° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha zisobanurwamo uburyo umuburanyi wihishe ubutabera ahamagazwamo;

Dutegetse Dr NGABIRE ISHIMWE Eulade kwitaba Urukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza kuwa 12/04/2022 saa mbiri n'igice za mugitondo, kugira ngo aburane urubanza RPA/ECON 00049/2021/HC/NYZ yarezwemo n'Ubushinjacyaha ubufatanyacyaha mu cyaha cyo guhimba inyandiko no gukoresha inyandiko mpimbano, no mu cyaha cyo kwihesha inyungu mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ibyaha bitenywa kandi bigahanishwa ingingo ya 276 y'itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganywa ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe n'itegeko n° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019, ndetse n'ingingo ya 16 y'itegeko n° 54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ku Ngoro y'Urukiko Rukuru no ku Ngoro z'Ingereko zarwo; ku Ngoro z'Inkiko Zisumbuye zo mu Rwanda zose, ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga; atakwitaba Urukiko ku itariki y'iburanisha yagenwe kandi yamenyeshejwe akazaburanishwa adahari.

Bikorewe i Nyanza ku muni, ukwezi n'umwaka byavuze haruguru.

**PEREZIDA W'URUKIKO**



Digitally signed  
by President of  
HC Nyanza  
Date: 2022.02.09  
12:00:28 +02'00'

**UMWANDITSI MUKURU**



Digitally signed by  
Chief Registrar at  
HC Nyanza  
Date: 2022.02.09  
12:35:30 +02'00'

BAKUZAKUNDI Athanase

DUKUZUMUREMYI Marie Goretti

*Copie certifiée conforme à l'original*



*Jan Gruffier MWIRATABAZO Jacqueline*

*08/02/2022*